URGENT

REPUBLIKA Y'U RWANDA
MINISTERI Y'URUBYIRUKO
NO GUTSURA ZA KOPERATIVE
B.P. 1044 KIGALI.-

Kigali, le 16 Juillet 1985

N° 2588 /15.07

Militant Muyobozi wa Ofisi y'Amatangazo ya Leta
B.P. 83 KIGALI.-

Militant,

Nkulikije ibaruwa yanjye n°2569/15.00 yo kuwa 12 Nyakanga 1985, nejejwe no kukumenyesha ko nifuza kugirana ikiganiro n'Abanyamakuru ba Radio Rwanda kagahita ku cyumweru taliki ya 28 Nyakanga 1985. Icyo kiganiro kizibanda cyane cyane kw'izihizwa ry'umunsi w'Urubyiruko mu Rwanda lizaba kw'italiki ya 1 Kanama 1985 dukulikije uyu mwaka witiliwe uw'Urubyiruko ku isi hose. Bishobotse ryazategurwa ku italiki ya 25 Nyakanga 1985. Iyo taliki itagutunganiye wabitumenyesha mbere y'igihe.

Muli icyo kiganiro nzaba ndikumwe n'aba bantu bakulikira :

- Diregiteri Jenerali ushinzwe Urubyiruko muli Ministeri y'Urubyiruko no Gutsura za Koperative ;
- Diregiteri Jenerali ushinzwe za Koperative muli iyo Ministeri ;
- Diregiteri Jenerali ushinzwe Imikino n'Imyidagaduro muli iyo Ministeri ;
- Uhagaraliye Ministri w'Ubuhinzi, Ubworozi n'Amashyamba ;
- Uhagaraliye Ministri w'Inganda, Mini n'Ubukolikoli ;
- Uhagaraliye Ministri w'Amashuli Abanza n'Ayisumbuye ;
- Uhagaraliye Ministri w'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini;
- Uhagaraliye Ministri w'Amashuli Makuru n'Ubushakashatsi mu by'Ubuhanga;
- Uhagaraliye Ministri w'Abakozi ba Leta n'Ihugurwa ry'Abakozi ;
- Uhagaraliye Diregiteri wa Ofisi y'Igihugu yita ku Mibereho y'Abaturage (ONAPO)
- Umujyanama w'Imilyango y'Urubyiruko (Aumônier des Mouvements de Jeunesse) ;
- Umunyeshuli ;

.../...

- Abantu 2 bahagaraliye Imilyango y'Urubyiruko (Abaskuti n'Abagide) ;
- Karaningufu ;
- Umuturage ukuze ;
- Abahagaraliye ibinyamakuru ;
- Umusore wo mu cyaro ;
- Inkumi yo mu mujyi.

Mu ngereka y'uru rwandika, mbohereje ibibazo byibanze icyo kiganiro kizashingiraho.

Ministri w'Urubyiruko no Gutsura za Koperative
NDINDILIYIMANA Augustin
Major BEM.-

Bimenyeshejwe :
- Nyakubahwa Bwana Perezida wa Republika
KIGALI.-
- Umunyamabanga Mukuru wa M.R.N.D.
KIGALI.-
- Bwana Prezida w'Inama Iharanira Amajyambere y'u Rwanda
KIGALI.-
- Bwana Ministri w'Ubuhinzi, Ubworozi n'Amashyamba
KIGALI.-
- Bwana Ministri w'Inganda, Mini n'Ubukolikoli.-KIGALI
- Bwana Ministri w'Amashuli Abanza n'Ayisumbuye.-KIGALI
- Bwana Ministri w'Amashuli Makuru n'Ubushakashatsi mu by'Ubuhanga
KIGALI.-
- Bwana Ministri w'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Amajyambere ya Komini.-KIGALI
- Bwana Ministri w'Abakozi ba Leta n'Ihugurwa ry'Abakozi.-KIGALI
- Madame Diregiteri wa Ofisi y'Igihugu yita ku Mibereho y'Abaturage (ONAPO)
KIGALI.-
- Bwana Diregiteri Jenerali muli MIJEUCOOP (bose)
KIGALI.-

# IBIBAZO BY'IBANZE

1. Ku italiki ya 1 Kanama 1985 mu Rwanda tuzizihiza Umunsi w'Urubyiruko mu Rwanda dukulikije ko uyu mwaka witiliwe uw'Urubyiruko ku isi hose. Kuki mwahisemo ko uyu munsi uhimbazwa k'umunsi mukuru w'UMUGANURA mu Rwanda ?

   - Usubiza : MINISTRI

2. Muli uyu mwaka w'Urubyiruko ibikorwa by'ingenzi byagezweho ni ibihe ?

   - Usubiza : - MINISTRI
     - DIREGITERI JENERALI W'URUBYIRUKO
     - DIREGITERI JENERALI WA ZA KOPERATIVE
     - DIREGITERI JENERALI W'IMIKINO N'IMYIDAGADURO

3. Uyu mwaka w'Urubyiruko mwawakiliye mute ? Ibibazo by'ingenzi by'Urubyiruko rw'u Rwanda ni ibihe ?

   - Usubiza : - KARANI NGUFU
     - UMUNYESHULI
     - UMUTURAGE
     - UMUGIDE - UMUSKUTI
     - UMUJYANAMA W'IMILYANGO Y'URUBYIRUKO
     - UMUSORE WO MU CYARO
     - INKUMI YO MU MUJYI.

4. Imiti mwabonera ibyo bibazo ni iyihe ?

   - Usubiza : - UHAGARALIYE MINAGRI
     - UHAGARALIYE MININTER
     - UHAGARALIYE MINIMART
     - UHAGARALIYE MINEPRISEC
     - UHAGARALIYE MINESUPRES
     - UHAGARALIYE ONAPO
     - UHAGARALIYE MINIFOP

5. Umwaka w'Urubyiruko ntuzarangirana na 1985. Mufite imigambi yihe mu myaka ili imbere ?

   - Usubiza : - MINISTRI
     - Undi wese ufite icyo abivugaho.

-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-=-